

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 105/03 RYO KU WA 30/09/2020 RYEREKEYE INKUNGA ZITANGWA MU BWISUNGANE MU KWIVUZA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 105/03 OF 30/09/2020 RELATED TO THE COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE CONTRIBUTIONS</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 105/03 DU 30/09/2020 RELATIF AUX CONTRIBUTIONS AU RÉGIME DE MUTUELLE DE SANTÉ</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: ABATANGA INKUNGA, INGANO Y'INKUNGA BATANGA N'UBURYO ZITANGWAMO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: CONTRIBUTORS, AMOUNTS OF CONTRIBUTIONS AND PAYMENT MODALITIES</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: CONTRIBUTEURS, MONTANTS DE CONTRIBUTIONS ET MODALITÉS DE PAYEMENT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Abatanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza</u></p>	<p><u>Article 2: Contributors to community-based health insurance scheme</u></p>	<p><u>Article 2: Contributeurs au régime de mutuelle de santé</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ingano y'inkunga Leta itanga mu bwisungane mu kwivuza</u></p>	<p><u>Article 3: Amounts of Government contributions to the community-based health insurance scheme</u></p>	<p><u>Article 3: Montants des contributions de l'État au régime de mutuelle de santé</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibihe byo gutanga inkunga ya Leta mu bwisungane mu kwivuza</u></p>	<p><u>Article 4: Periods to pay the contributions of the Government to the community-based health insurance scheme</u></p>	<p><u>Article 4: Périodes pour verser les contributions de l'État au régime de mutuelle de santé</u></p>

<p><u>Ingingo ya 5:</u> Inkunga itangwa n’abakozi bo mu nzego za Leta n’abo mu rwego rw’abikorera</p>	<p><u>Article 5:</u> Contributions of employees in State organs and those in private sector</p>	<p><u>Article 5:</u> Contributions des employés des organes de l’État et ceux du secteur privé</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Inkunga itangwa n’ibigo bitanga serivisi z’ubwishingizi bw’indwara</p>	<p><u>Article 6:</u> Contributions of entities providing health insurance services</p>	<p><u>Article 6:</u> Contributions des entités prestataires de services d’assurance maladie</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Inkunga itangwa n’amasosiyete y’itumanaho</p>	<p><u>Article 7:</u> Contributions of telecommunication companies</p>	<p><u>Article 7:</u> Contributions des sociétés de télécommunications</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Inkunga itangwa n’amasosiyete y’ubucuruzi bwa lisansi na mazutu</p>	<p><u>Article 8:</u> Contributions of petrol and gas oil trade companies</p>	<p><u>Article 8:</u> Contributions des sociétés de commerce d’essence et de mazout</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo inkunga y’amasosiyete y’itumanaho n’iy’amasosiyete y’ubucuruzi bwa lisansi na mazutu zitangwamo</p>	<p><u>Article 9:</u> Modalities for payment of contributions of telecommunication companies and petrol and gas oil trade companies</p>	<p><u>Article 9:</u> Modalités de paiement des contributions des sociétés de télécommunications et des sociétés de commerce d’essence et de mazout</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IGENZURA, AMAKOSA, IBIHANO NO GUTAKAMBA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: AUDIT, FAULTS, SANCTIONS AND ADMINISTRATIVE APPEAL</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: AUDIT, FAUTES, SANCTIONS ET RECOURS ADMINISTRATIF</u></p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Igenzura</p>	<p><u>Article 10:</u> Audit</p>	<p><u>Article 10:</u> Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Ubukererwe mu kwishyura inkunga</p>	<p><u>Article 11:</u> Delay in paying contributions</p>	<p><u>Article 11:</u> Retard dans le paiement des contributions</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Gutubya inkunga n’inkurikizi zabyo</p>	<p><u>Article 12:</u> Underestimation of contributions and its effects</p>	<p><u>Article 12:</u> Sous-estimation des contributions et ses effets</p>

<p><u>Ingingo ya 13:</u> Gutakamba</p> <p><u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo z’amateka zinyuranyije n’iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Administrative appeal</p> <p><u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 14:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p><u>Article 15:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 16:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 13:</u> Recours administrative</p> <p><u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS FINALES</p> <p><u>Article 14:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</p> <p><u>Article 15:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 16:</u> Entrée en vigueur</p>
--	---	---

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 105/03 RYO KU WA 30/09/2020 RYEREKEYE INKUNGA ZITANGWA MU BWISUNGANE MU KWIVUZA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 105/03 OF 30/09/2020 RELATED TO THE COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE CONTRIBUTIONS</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 105/03 DU 30/09/2020 RELATIF AUX CONTRIBUTIONS AU RÉGIME DE MUTUELLE DE SANTÉ</p>
<p>Minisitiri w'Intebe;</p>	<p>The Prime Minister;</p>	<p>Le Premier Ministre;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 03/2015 ryo ku wa 02/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwisungane mu kwivuza nk'uko ryahinduwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15;</p>	<p>Pursuant to Law n° 03/2015 of 02/03/2015 governing the organisation of the community-based health insurance scheme as amended to date, especially in Article 15;</p>	<p>Vu la Loi n° 03/2015 du 02/03/2015 portant organisation du régime des mutuelles de santé telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 15;</p>
<p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 034/01 ryo ku wa 13/02/2020 ryerekeye inkunga z'ubwisungane mu kwivuza;</p>	<p>Having reviewed the Prime Minister's Order n° 034/01 of 13/02/2020 related to the community-based health insurance scheme subsidies;</p>	<p>Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 034/01 du 13/02/2020 relatif aux subventions au régime des mutuelles de santé;</p>
<p>Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;</p>	<p>On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;</p>	<p>Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Économique;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 10/09/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 10/09/2020;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 10/09/2020;</p>

<p>ATEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena abatanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza, ingano y'inkunga batanga n'uburyo zitangwamo.</p> <p><u>UMUTWE WA II: ABATANGA INKUNGA, INGANO Y'INKUNGA BATANGA N'UBURYO ZITANGWAMO</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Abatanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza</u></p> <p>Abatanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza ni aba bakurikira:</p> <p>1° Leta;</p> <p>2° abakozi bo mu nzego za Leta n'abo mu rwego rw'abikorera;</p> <p>3° ibigo bitanga serivisi z'ubwishingizi bwo kwivuza bikorera mu Rwanda;</p>	<p>ORDERS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines contributors to the community-based health insurance scheme, amounts of their contributions and modalities for their payment.</p> <p><u>CHAPTER II: CONTRIBUTORS, AMOUNTS OF CONTRIBUTIONS AND PAYMENT MODALITIES</u></p> <p><u>Article 2: Contributors to community-based health insurance scheme</u></p> <p>Contributors to community-based health insurance scheme are the following:</p> <p>1° the Government;</p> <p>2° employees in State organs and those in private sector;</p> <p>3° entities providing health insurance services operating in Rwanda;</p>	<p>ARRÊTE:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les contributeurs au régime de mutuelle de santé, les montants de leurs contributions et les modalités de leur paiement.</p> <p><u>CHAPITRE II: CONTRIBUTEURS, MONTANTS DE CONTRIBUTIONS ET MODALITÉS DE PAYEMENT</u></p> <p><u>Article 2: Contributeurs au régime de mutuelle de santé</u></p> <p>Les contributeurs au régime de mutuelle de santé sont les suivants:</p> <p>1° l'État;</p> <p>2° les employés des organes de l'État et ceux du secteur privé;</p> <p>3° les entités prestataires de services d'assurance maladie opérant au Rwanda;</p>
---	--	--

<p>4° amasosiyete y'itumanaho;</p> <p>5° amasosiyete acuruza lisansi na mazutu.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ingano y'inkunga Leta itanga mu bwisungane mu kwivuza</u></p> <p>Inkunga Leta itanga mu bwisungane mu kwivuza igizwe n'amafaranga ari mu byiciro bikurikira:</p> <p>1° amafaranga y'u Rwanda miliyari esheshatu (6.000.000.000 FRW) aturuka ku ngengo y'imari y'umwaka ya Leta, atangwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano;</p> <p>2° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitatu (3.000 FRW) kuri buri muntu uri mu cyiciro cya E cy'Ubudehe aturuka ku ngengo y'imari y'umwaka ya Leta, atangwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano;</p> <p>3° mironko itanu ku ijana (50%) by'amafaranga yishyurwa ku iyandikwa ry'imiti, ibikoresho byo mu buvuzi n'ibiribwa, atangwa n'urwego rwa Leta rushinzwe</p>	<p>4° telecommunication companies;</p> <p>5° petrol and gas oil trade companies.</p> <p><u>Article 3: Amounts of Government contributions to the community-based health insurance scheme</u></p> <p>The Government contributions to the community-based health insurance scheme comprise funds allotted to the following categories:</p> <p>1° six billion Rwandan francs (FRW 6,000,000,000) as State annual budget allocation paid by the Ministry in charge of finance;</p> <p>2° three thousand Rwandan francs (FRW 3,000) for each person in category E of <i>Ubudehe</i> from State annual budget paid by the Ministry in charge of finance;</p> <p>3° fifty percent (50%) of registration fees for pharmaceutical products, medical devices and food products paid by the public organ in charge of regulation of food and drugs in Rwanda;</p>	<p>4° les sociétés de télécommunications;</p> <p>5° les sociétés de commerce d'essence et de mazout</p> <p><u>Article 3: Montants des contributions de l'État au régime de mutuelle de santé</u></p> <p>Les contributions de l'État au régime de mutuelle de santé comprennent des fonds impartis dans les catégories suivantes:</p> <p>1° six milliards de francs rwandais (6.000.000.000 FRW) à titre d'allocation budgétaire annuelle de l'État, versés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;</p> <p>2° trois mille francs rwandais (3.000 FRW) pour chaque personne de la catégorie E d'<i>Ubudehe</i>, du budget annuel de l'État, versés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;</p> <p>3° cinquante pourcent (50%) des frais d'enregistrement des produits pharmaceutiques, des dispositifs médicaux et des produits alimentaires versés par l'organe public chargé de la</p>
---	---	---

<p>kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda;</p>		<p>réglementation des produits alimentaires et pharmaceutiques au Rwanda;</p>
<p>4° mirongo itanu ku ijana (50%) by'amafaranga yishyurwa ku isuzuma ry'ubushakashatsi yakirwa na Komite y'Igihugu ishinzwe kureba niba uburenganzira bw'abantu bakorerwaho ubushakashatsi bwubahirizwa, atangwa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano;</p>	<p>4° fifty percent (50%) of the amount collected by the National Ethics Committee on the research on human being as research review fees, paid by the Ministry in charge of health;</p>	<p>4° cinquante pourcent (50%) du montant perçu par le Comité National d'Éthique de la recherche sur l'être humain perçu à titre de frais de revue de recherche, versés par le Ministère ayant la santé dans ses attributions;</p>
<p>5° icumi ku ijana (10%) by'amafaranga yishyuzwa kuri serivisi zihabwa amasosiyete y'ubucuruzi akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe, atangwa na Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano;</p>	<p>5° ten percent (10%) of fees charged on services offered to gaming companies paid by the Ministry in charge of trade;</p>	<p>5° dix pourcent (10%) des frais perçus sur les services offerts aux sociétés commerciales de jeux de hasard, versés par le Ministère ayant le commerce dans ses attributions;</p>
<p>6° mirongo itanu ku ijana (50%) by'amafaranga yishyurwa mu kugenzura imiterere y'ibinyabiziga, atangwa na Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>6° fifty percent (50%) of fees collected for motor vehicle mechanical inspection paid by Rwanda National Police;</p>	<p>6° cinquante pourcent (50%) des frais perçus pour le contrôle technique automobile versés par la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>7° icumi ku ijana (10%) by'amafaranga acibwa abatwara ibinyabiziga bakoze amakosa mu muhanda, atangwa na Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>7° ten percent (10%) of fees collected from road traffic fines paid by Rwanda National Police;</p>	<p>7° dix pourcent (10%) des frais d'amende pour contravention à la sécurité routière, versés par la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>8° ijana ku ijana (100%) by'amafaranga acibwa abacuruza ibintu bitujuje</p>	<p>8° hundred percent (100%) of the amount collected as penalties for trade of sub-</p>	<p>8° cent pourcent (100%) des frais d'amende perçus sur le commerce des produits ne</p>

<p>ubuziranenge, atangwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano;</p>	<p>standard products paid by the Ministry in charge of finance;</p>	<p>répondant pas aux normes, versés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;</p>
<p>9° amafaranga y'u Rwanda ijana (100 FRW), akurwa ku mahoro yakwa kuri parikingi y'ikinyabiziga mu Muji wa Kigali, kuri buri saha imwe ikinyabiziga gihagaze, atangwa n'Umujyi wa Kigali;</p>	<p>9° one hundred Rwandan francs (FRW 100) from parking fee levied on vehicle for each hour of parking in the city of Kigali, paid by the City of Kigali;</p>	<p>9° cent francs rwandais (100 FRW) perçus sur les frais de stationnement de véhicule, par heure, dans la Ville de Kigali, versés par la Ville de Kigali;</p>
<p>10° rimwe ku ijana (1%) by'amafaranga ava mu bukerarugendo atangwa n'urwego rw'Igihugu rufite ubukerarugendo mu nshingano, hamaze kuvanwaho imisoro, icumi ku ijana (10%) agenerwa abaturage baturiyeye pariki z'igihugu n'atanu ku ijana (5%) agenerwa Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka;</p>	<p>10° one percent (1%) of tourism revenues paid by the national organ in charge of tourism, after tax deduction, ten percent (10%) allocated to the population surrounding national parks and five percent (5%) allocated to the Special Guarantee Fund;</p>	<p>10° un pourcent (1%) des revenus du tourisme versés par l'organe national ayant le tourisme dans ses attributions, après la déduction des impôts, dix pourcent (10%) alloués à la population environnant les parcs nationaux et cinq pourcent (5%) alloués au Fonds Spécial de Garantie;</p>
<p>11° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi makumyabiri (20.000 FRW) yishyurwa ku ihererekanya ry'imodoka n'ibihumbi icumi (10.000 FRW) yishyurwa ku ihererekanya ry'ipikipiki, atangwa n'urwego rwa Leta rushinzwe gukusanya imisoro n'amahoro;</p>	<p>11° twenty thousand Rwandan francs (FRW 20,000) levied for transfer of ownership on a vehicle and ten thousand Rwandan francs (FRW 10,000) levied for transfer of ownership on a motorcycle, paid by the public organ in charge of collection of revenues in Rwanda;</p>	<p>11° vingt mille francs rwandais (20.000 FRW) perçus pour la mutation de propriété sur un véhicule et dix mille francs rwandais (10.000 FRW) perçus pour la mutation de propriété sur une motocyclette, versés par l'organe de l'État chargé de la collection des recettes au Rwanda;</p>
<p>12° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5.000 FRW) kuri buri hegitari</p>	<p>12° five thousand Rwandan francs (FRW 5,000) for each hectare of lease for hillside</p>	<p>12° cinq mille francs rwandais (5.000 FRW) pour chaque hectare de location de terrain</p>

<p>imwe y'ubukode bw'ubutaka bw'imusozi bwa Leta bugenewe ubuhinzi n'ubworozi, atangwa n'urwego rwakodesheje ubutaka;</p> <p>13° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bine (4.000 FRW) kuri buri hegitari imwe y'ubukode bw'ubutaka bw'igishanga kidakomye, atangwa n'urwego rwakodesheje igishanga.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibihe byo gutanga inkunga ya Leta mu bwisungane mu kwivuza</u></p> <p>Inkunga ya Leta iteganyijwe mu ngingo ya 3 y'iri teka ishyirwa kuri konti y'ishami ry'ubwisungane mu kwivuza mu bihe bikurikira:</p> <p>1° igice cy'amafaranga yabonetse ku nkunga iteganyijwe mu gace ka 1° gitangwa buri gihembwe;</p> <p>2° inkunga iteganyijwe mu gace ka 2° itangwa bitarenze itariki ya 30 Nzeri buri mwaka;</p> <p>3° inkunga ziteganyijwe mu duce twa 3°, 4°, 5°, 6°, 7°, 8°, 9°, 10° na 11° zitangwa mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi zakusanyijwemo;</p>	<p>land of State reserved for agricultural and livestock, paid by the organ that leased the land;</p> <p>13° four thousand Rwandan Francs (FRW 4,000) for each hectare of lease of non-protected marshland, paid by the organ that leased the marshland.</p> <p><u>Article 4: Periods to pay the contributions of the Government to the community-based health insurance scheme</u></p> <p>Contributions of the Government referred to in Article 3 of this Order are deposited on the bank account of the community-based health insurance scheme as follows:</p> <p>1° an available instalment of subsidies referred to in item 1° is paid on a quarterly basis;</p> <p>2° the contribution referred to in item 2° is paid not later than 30th September of each year;</p> <p>3° the contributions referred to in items 3°, 4°, 5°, 6°, 7°, 8°, 9°, 10° and 11° are paid within fifteen (15) days following the month of their collection;</p>	<p>à flanc de coteau de l'État réservé à l'agriculture et à l'élevage, versés par l'organe qui a donné le terrain en location;</p> <p>13° quatre mille francs rwandais (4.000 FRW) pour chaque hectare de location de marais non-protégé versés par l'organe qui a donné le marais en location.</p> <p><u>Article 4: Périodes pour verser les contributions de l'État au régime de mutuelle de santé</u></p> <p>Les contributions de l'État visées à l'article 3 du présent arrêté sont versées au compte bancaire du régime de mutuelle de santé comme suit:</p> <p>1° une tranche disponible des subventions visées au point 1° est versée trimestriellement;</p> <p>2° la contribution visée au point 2° est versée au plus tard le 30 septembre de chaque année;</p> <p>3° les contributions visées aux points 3°, 4°, 5°, 6°, 7°, 8°, 9°, 10° et 11° sont versées dans les quinze (15) jours suivant le mois de leur collecte;</p>
---	--	--

<p>4° inkunga ziteganyijwe mu duce twa 12° n’aka 13° zitangwa buri mwaka, bitarenze ukwezi kwa mbere k’umwaka w’ibaruramari ukurikira umwaka wishyurirwa.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Inkunga itangwa n’abakozi bo mu nzego za Leta n’abo mu rwego rw’abikorera</u></p> <p>Inkunga itangwa n’umukozi w’urwego rwa Leta n’itangwa n’umukozi w’urwego rw’abikorera ingana na zero n’ibice bitanu ku ijana (0,5%) by’umushahara umukozi atahana. Umukoresha akura iyo nkunga ku mushahara w’umukozi kandi akayishyira kuri konti y’ishami ry’ubwisungane mu kwivuza.</p> <p>Imenyekanisha n’itangwa ry’inkunga y’umukozi bikorwa buri kwezi.</p> <p>Umukoresha ashyikiriza urwego rwa Leta rufite ishami ry’ubwisungane mu kwivuza mu nshingano urutonde rw’abakozi n’imishahara yabo kandi akishyura inkunga yakusanyijwe bitarenze itariki ya 15 y’ukwezi gukurikira ugutangirwa inkunga.</p> <p>Umukoresha udatanze inkunga itangwa</p>	<p>4° the contributions referred to in items 12° and 13° are paid on annual basis by the end of the first month of the financial year following the one for which payment is due.</p> <p><u>Article 5: Contributions of employees in State organs and those in private sector</u></p> <p>The contribution of an employee in a State organ and the contribution of an employee in private sector is zero point five percent (0.5%) of the net salary of the employee. The employer withholds the contribution and deposits it to the bank account of the community-based health insurance scheme.</p> <p>Declaration and payment of an employee’s contribution are done every month.</p> <p>The employer submits to the public entity in charge of community-based health insurance a list of employees and their salaries, and pays the collected contributions not later than the 15th day of the month following the month to which the contributions relate.</p> <p>The employer who does not pay employees</p>	<p>4° les contributions visées aux points 12° et 13° sont versées annuellement avant la fin du premier mois de l’exercice budgétaire suivant celui dont le paiement est dû.</p> <p><u>Article 5: Contributions des employés des organes de l’État et ceux du secteur privé</u></p> <p>La contribution d’un employé du secteur public et la contribution d’un employé du secteur privé est de zéro virgule cinq pourcent (0,5%) du salaire net de l’employé. L’employeur retient cette contribution et la verse au compte bancaire du régime de mutuelle de santé.</p> <p>La déclaration et le versement de la contribution d’un employé sont faits chaque mois.</p> <p>L’employeur soumet à l’entité publique ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions une liste des employés et de leurs salaires, et verse les contributions collectées au plus tard le 15^{ème} jour du mois suivant le mois auquel les contributions se rapportent.</p> <p>L’employeur qui ne verse pas les</p>
--	--	--

<p>n'umukozi mu gihe cyagenwe yishyura ibirarane n'ibihano bijyanye na yo.</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Inkunga itangwa n'ibigo bitanga serivisi z'ubwishingizi bw'indwara</p> <p>Ikigo kigenga gitanga serivisi z'ubwishingizi bw'indwara gikorera mu Rwanda gitanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza ingana n'atanu ku ijana (5%) y'imisanzu yinjijwe mu mwaka mu ishami ryacyo ry'ubwishingizi bw'indwara.</p> <p>Ikigo cya Leta gitanga serivisi z'ubwishingizi bw'indwara gitanga inkunga ingana n'icumi ku ijana (10%) by'imisanzu y'ubwishingizi bw'indwara yinjiye mu mwaka. icyakora, Ikigo cya Gisirikare cy'Ubwishingizi ku ndwara cyo gitanga inkunga ingana na gatanu ku ijana (5%) by'imisanzu cyakiriye mu mwaka.</p> <p>Buri kigo gitanga ubwishingizi bw'indwara gitanga inkunga yacyo mu bwisungane mu kwivuza mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikira itariki umwaka w'ibaruramari ryacyo warangiriyeho.</p>	<p>contributions is held responsible for payment of arrears and penalties relating thereto.</p> <p><u>Article 6: Contributions of entities providing health insurance services</u></p> <p>A private entity providing health insurance services operating in Rwanda gives a contribution to the community-based health insurance scheme equal to five percent (5%) of annual premiums collected in its health insurance category.</p> <p>A public entity providing health insurance services gives a contribution equal to ten percent (10%) of annual contributions collected. However, the Military Medical Insurance gives a contribution equal to five percent (5%) of annual subscriptions collected.</p> <p>Each entity providing health insurance service pays its contribution to the community-based health insurance scheme within thirty (30) days from the date of the end of the financial year of the entity.</p>	<p>contributions des employés est tenu responsable du paiement des arriérés et des pénalités y relatives.</p> <p><u>Article 6: Contributions des entités prestataires de services d'assurance maladie</u></p> <p>Une entité prestataire de services d'assurance maladie privée opérant au Rwanda donne une contribution au régime de mutuelle de santé s'élevant à cinq pourcent (5%) des primes annuelles collectées dans sa catégorie d'assurance maladie.</p> <p>Une entité publique prestataire de services d'assurance maladie donne une contribution égale à dix pourcent (10%) des cotisations annuelles collectées. Toutefois, l'Assurance Maladie des Militaires donne une contribution égale à cinq pourcent (5%) des contributions annuelles collectées.</p> <p>Chaque entité prestataire d'assurance maladie verse sa contribution au régime de mutuelle de santé endéans trente (30) jours suivant la date de la fin de l'exercice budgétaire de l'entité d'assurance maladie.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 7: Inkunga itangwa n'amasosiyete y'itumanaho</u></p> <p>Buri sosiyete y'itumanaho itanga inkunga y'ubwisungane mu kwivuza ku buryo bukurikira:</p> <p>1° ku mwaka wa mbere n'uwa kabiri uhereye ku itariki iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, isosiyete itanga amafaranga abiri n'ibice bitanu ku ijana (2,5%) by'agaciro k'ibyacurujwe ku mwaka n'iyo sosiyete;</p> <p>2° guhera ku mwaka wa gatatu (3) iri teka ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, isosiyete itanga amafaranga atatu ku ijana (3%) y'agaciro k'ibyacurujwe ku mwaka n'iyo sosiyete.</p>	<p><u>Article 7: Contributions of telecommunication companies</u></p> <p>Each telecommunication company pays its contribution to the community-based health insurance scheme as follows:</p> <p>1° for the first and the second year after the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the company pays two point five percent (2.5%) of its annual turnover;</p> <p>2° from the third year of publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the company pays three percent (3%) of its annual turnover.</p>	<p><u>Article 7: Contributions des sociétés de télécommunications</u></p> <p>Chaque société de télécommunication verse sa contribution au régime de mutuelle de santé comme suit:</p> <p>1° pour la première et la deuxième année qui suivent la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda, la société paie deux virgule cinq pourcent (2,5%) de son chiffre d'affaires annuel;</p> <p>2° à partir de la troisième année de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda, la société paie trois pourcent (3%) de son chiffre d'affaires annuel.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inkunga itangwa n'amasosiyete y'ubucuruzi bwa lisansi na mazutu</u></p> <p>Buri sosiyete y'ubucuruzi bwa lisansi na mazutu itanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza, ku malitiro yose yacurujwe mu gihe cy'umwaka, ingana n'amafaranga makumyabiri (20 FRW) kuri buri litiro yacurujwe.</p>	<p><u>Article 8: Contributions of petrol and gas oil trade companies</u></p> <p>Each petrol and gas oil trade company gives to the community-based health insurance scheme, for all liters it sold during a period of a year, a contribution equivalent to twenty Rwandan francs (FRW 20) per liter sold.</p>	<p><u>Article 8: Contributions des sociétés de commerce d'essence et de mazout</u></p> <p>Chaque société de commerce d'essence et de mazout donne au régime de mutuelle de santé, pour tous les litres qu'elle a vendus pendant une période d'une année, une contribution de vingt francs rwandais (20 FRW) par litre vendu.</p>

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo inkunga y'amasosiyete y'itumanaho n'iy'amasosiyete y'ubucuruzi bwa lisansi na mazutu zitangwamo</p> <p>Buri sosiyete y'itumanaho n'iy'ubucuruzi bwa lisansi na mazutu ishyikiriza urwego rwa Leta rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro inkunga yegeranyije hakurikijwe uburyo bwagenwe n'urwo Rwego mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikurikira itariki umwaka w'ibaruramari ryayo warangiriyeho. Urwego rwohereza kuri konti y'ishami ry'ubwisungane mu kwivuza inkunga rwakiriye, bitarenze itariki ya 15 y'ukwezi gukurikira uko inkunga yakiriwemo.</p> <p>UMUTWE WA III: IGENZURA, AMAKOSA, IBIHANO NO GUTAKAMBA</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Igenzura</p> <p>Urwego rwa Leta rufite ishami ry'ubwisungane mu kwivuza mu nshingano rukora igenzura mu kumenya ko inkunga y'ubwisungane mu kwivuza rwashyikirijwe, yabazwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.</p>	<p><u>Article 9:</u> Modalities for payment of contributions of telecommunication companies and petrol and gas oil trade companies</p> <p>Each telecommunication company and petrol and gas oil trade company transmits to the Authority in charge of regulation of public utilities in Rwanda its collected contributions in the manner prescribed by that Authority within thirty (30) days from the date of the end of the financial year of the company. The Authority transfers to the bank account of the community-based health insurance scheme the amount of contributions received, not later than the 15th day of the month following the one within which contributions were received.</p> <p>CHAPTER III: AUDIT, FAULTS, SANCTIONS AND ADMINISTRATIVE APPEAL</p> <p><u>Article 10:</u> Audit</p> <p>The public organ in charge of community-based health insurance scheme carries out an audit to ensure that contributions paid to the scheme have been calculated in accordance with provisions of this Order.</p>	<p><u>Article 9:</u> Modalités de paiement des contributions des sociétés de télécommunications et des sociétés de commerce d'essence et de mazout</p> <p>Chaque société de télécommunication et celle de commerce d'essence et de mazout transmet à l'Autorité chargée de la régulation de certains services d'utilité publique au Rwanda les contributions collectées selon la manière prescrite par ladite Autorité endéans trente (30) jours suivant la date de la fin de l'exercice budgétaire de cette société. L'Autorité transfère au compte bancaire du régime de mutuelle de santé le montant des contributions reçues, au plus tard le 15^{ème} jour du mois suivant celui de leur réception.</p> <p>CHAPITRE III: AUDIT, FAUTES, SANCTIONS ET RECOURS ADMINISTRATIF</p> <p><u>Article 10:</u> Audit</p> <p>L'organe public ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions mène un audit pour s'assurer que les contributions payées à ce régime ont été calculées conformément aux dispositions du présent arrêté.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 11: Ubukererwe mu kwishyura inkunga</u></p>	<p><u>Article 11: Delay in paying contributions</u></p>	<p><u>Article 11: Retard dans le paiement des contributions</u></p>
<p>Urwego bireba rudatanze inkunga igenewe ubwisungane mu kwivuza mu gihe giteganyijwe n’iri teka ruba rukoze ikosa. Umuyobozi w’urwego rwa Leta rufite ishami ry’ubwisungane mu kwivuza mu nshingano aruhanisha kwishyura amafaranga y’inyungu z’ubukererwe angana na kabiri ku ijana (2%) by’inkunga rutishyuye, abarwa buri kwezi nta gukomatanya, uhereye ku munsu ukurikira uwo inkunga yagombaga gutangirwaho kugeza ku munsu rwishyuriyeho.</p>	<p>A concerned entity which does not pay the contribution dedicated to the community-based health insurance scheme on the time provided for by this Order commits a fault. The head of public organ in charge of the community-based health insurance scheme imposes to the entity late payment interest equal to two percent (2%) of non-paid contributions calculated on a monthly and simple interest basis, counting from the first date following the due payment date of contributions to the date of payment.</p>	<p>Une entité concernée qui ne paie pas les contributions dédiées au régime de mutuelle de santé dans les délais prescrits par le présent arrêté commet une faute. Le responsable de l’organe public ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions impose à cette entité des intérêts de retard de deux pourcent (2%) des contributions impayées, calculés mensuellement par intérêt simple, à compter du premier jour suivant la date limite de paiement des contributions jusqu’à la date du paiement.</p>
<p>Mu kubara inyungu z’ubukererwe, iminsi y’ukwezi itageze kuri mironko itatu (30) ifatwa nk’ukwezi kuzuye.</p>	<p>In calculating late payment interest, days in a month which are below thirty (30) are considered as a whole month.</p>	<p>Lors du calcul des intérêts de retard, les jours du mois qui sont en dessous de trente (30) sont considérés comme un mois entier.</p>
<p>Urwego ruhabwa n’iri teka inshingano yo kohereza kuri konti y’ishami ry’ubwisungane mu kwivuza inkunga rwakiriye, ntirwubahirize iyo nshingano, ruhanwa kimwe n’urwego ruvugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo.</p>	<p>An entity mandated by this Order to transfer amount of received contributions to the bank account of the community-based health insurance scheme, which does not fulfill that responsibility, is liable to pay late payment interest in the same way as an entity referred to in paragraph One of this Article.</p>	<p>Une entité mandatée par le présent arrêté de transférer le montant des contributions perçues, qui ne remplit pas cette attribution, est passible de payer des intérêts de retard de la même manière qu’une entité visée à l’alinéa premier du présent arrêté.</p>
<p>Amafuranga y’inyungu z’ubukererwe ashirwa kuri konti y’ishami ry’ubwisungane mu kwivuza.</p>	<p>Late payment interest fees are deposited to the bank account of the community-based health insurance scheme.</p>	<p>Les frais d’intérêts de retard sont versés au compte bancaire du régime de mutuelle de santé.</p>

<p><u>Ingingo ya 12: Gutubya inkunga n'inkurikizi zabyo</u></p> <p>Iyo igenzura rigaragaje ko urwego bireba rwatanze inkunga mu bwisungane mu kwivuza nke ugereranyije n'iyagombaga gutangwa, urwo rwego rwagenzuwe rwishyura inkunga rutatanze.</p> <p>Umuyobozi w'urwego rwa Leta rufite ishami ry'ubwisungane mu kwivuza mu nshingano aca urwo rwego rwagenzuwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na magana abiri ku ijana (200%) by'inkunga itaratanzwe.</p> <p>Ihazabu ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ishikirwa kuri konti y'ishami ry'ubwisungane mu kwivuza, igacungwa hamwe n'amafaranga y'inkunga.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Gutakamba</u></p> <p>Urwego rwafatiwe icyemezo ntirunywurwe na cyo rushobora gutakambira mu nyandiko Inama y'Ubuyobozi y'urwego rwa Leta rufite ishami ry'ubwisungane mu kwivuza mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye ku itariki rwamenyeshajweho icyemezo.</p>	<p><u>Article 12: Underestimation of contributions and its effects</u></p> <p>If an audit reveals that a concerned entity paid contributions less than the amount to be paid, the audited entity pays the unpaid contributions.</p> <p>The head of public organ in charge of the community-based health insurance scheme imposes to the audited entity an administrative fine equivalent to two hundred percent (200%) of the amount of the unpaid contributions.</p> <p>The fine referred to in paragraph 2 of this Article is deposited to the community-based health insurance scheme bank account and managed with contributions.</p> <p><u>Article 13: Administrative appeal</u></p> <p>The entity against which the decision has been taken and which is dissatisfied with the decision may appeal in writing to the Board of Directors of the public organ in charge of community-based health insurance scheme within thirty (30) days from the date the entity was notified of the decision.</p>	<p><u>Article 12: Sous-estimation des contributions et ses effets</u></p> <p>Si un audit révèle qu'une entité concernée a payé des contributions inférieures au montant qu'elle devait payer, l'entité auditée paie les contributions impayées.</p> <p>Le responsable de l'organe public ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions impose à cette entité auditée une amende administrative de deux cent pourcent (200%) du montant des contributions impayées.</p> <p>L'amende visée à l'alinéa 2 du présent article est versée au compte du régime de mutuelle de santé et gérée avec les contributions.</p> <p><u>Article 13: Recours administratif</u></p> <p>L'entité contre laquelle la décision a été prise qui n'est pas satisfaite de cette décision peut introduire par écrit un recours auprès du Conseil d'Administration de l'organe public ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions endéans trente (30) jours à compter de la date l'entité a été notifiée de la décision.</p>
--	---	--

<p>Inama y'Ubuyobozi y'Urwego rwa Leta rufite ishami ry'ubwisungane mu kwivuza mu nshingano itanga umwanzuro kuri uko gutakamba mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku itariki ubujurire bwakiriweho. Iyo icyo gihe kirangiye idasubije, ubujurire bufatwa nk'aho bufite ishingiro.</p>	<p>The Board of Directors of the public organ in charge of community-based health insurance scheme responds within a period of thirty (30) days counted from the date on which the appeal was received. If the public organ does not respond, the request is considered as founded.</p>	<p>Le Conseil d'Administration de l'organe public ayant le régime de mutuelle de santé dans ses attributions se prononce sur ce recours endéans une période de trente (30) jours à partir de la date de réception du recours. En cas de silence de cet organe public, le recours est réputé fondé.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 14: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p>	<p><u>Article 14: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p>	<p><u>Article 14: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p>
<p>Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Minisitiri w'Ubuzima, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Minisitiri w'Ibidukikije, Minisitiri w'Ingabo n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>The Minister of Finance and Economic Planning, the Minister of Health, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Local Government, the Minister of Justice and Attorney General, the Minister of Trade and Industry, the Minister of environment, the Minister of Defence and the Chief Executive Officer of Rwanda Development Board are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>Le Ministre des Finances et de la Planification Économique, le Ministre de la Santé, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre du Commerce et de l'Industrie, le Ministre de l'environnement, le Ministre de la Défense et le Directeur Général en Chef de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka</u></p>	<p><u>Article 15: Repealing provision</u></p>	<p><u>Article 15: Disposition abrogatoire</u></p>
<p>Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 034/03 ryo ku</p>	<p>The Prime Minister's Order n° 034/03 of</p>	<p>L'Arrêté du Premier Ministre n° 034/03 du</p>

<p>wa 13/02/2020 ryerekeye inkunga z'ubwisungane mu kwivuzza n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>13/02/2020 related to the community-based health insurance scheme subsidies and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 16: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>13/02/2020 relatif aux subventions au régime des mutuelles de santé et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 16: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 30/09/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

Dr NDAGIJIMANA Uzziel

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

Minister of Finance and Economic Planning

Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:

Sean and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux